

Ibibazo Bikunze Kwibazwa ku Makuru Arebana n'Urukingo rwa COVID-19 Byateguwe: 25 Mutarama, 2021

Intego y'iyi nyandiko ni ugusangiza abakora mu nzego z'ubuzima ndetse n'abakorana n'abaturage bya hafi ibibazo bikunze kwibazwa hamwe n'ibisubizo byabyo byifashishwa mu gusubiza ibibazo abaturage bahura nabyo.

ICYITONDERWA: Amakuru mashya cyangwa yavuguruwe aragaragara mu ibara rya oranje.

AMAKURU RUSANGE

Ese hari urukingo rwa SARS-CoV-2 (COVID-19) rwemejwe n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubuziranenge bw'Imiti n'Ibiribwa (FDA)?

Yego, Ikigo cya Leta Zunze Ubumwe Gishinzwe Imiti n'Ibiribwa (FDA) cyatanze Impushya ku Mikoreshereze Yihuse (EUA) ku nkingo ebyiri za COVID-19 byagaragaye ko zizewe kandi zikingira neza nkuko bigaragazwa n'amakuru atangwa n'inganda zazikoze hamwe n'ibyavuye mu igerageza ryagutse ryakorewe mu mavuriro. (Pfizer-BioNTech na Moderna)

Urukingo rutangwa gute?

Inkingo zombi ziterwa mu mikaya ("bikorerwa ku mukaya"). Inkingo ziterwa mu mikaya zikunze guterwa ku mukaya wo ku rutugu witwa delitoyide.

Ese birababaza?

Urutewe ashobora kumva atameze neza nk'umuntu uhawe urukingo atewe urushinge, ariko bihita bishira mu gihe gito.

Ese ngomba guterwa urushinge kangaha?

Inkingo zombi za COVID-19, urwa Pfizer ndetse n'urwa Moderna, zisaba gufata doze ebyiri. Intera y'igihe (cyangwa, umwanya) iri hagati ya doze ya 1 ndetse na doze ya 2 y'urukingo rwa Pfizer ni iminsi 21. Intera y'igihe (cyangwa, umwanya) iri hagati ya doze ya 1 ndetse na doze ya 2 y'urukingo rwa Moderna, ni iminsi 28.

Niba mfashe urukingo rwa Pfizer, nshobora guterwa bwa kabiri ubundi bwoko bw'urukingo?

Hoya. Urushinge utewe bwa kabiri bugomba kuba ari ubwoko bumwe n'ubwo watewe bwa mbere.

Ubwirinzi bw'urukingo buzarangira ryari?

Ntabwo biramenyekana igihe umuntu wahawe urukingo azaba afite ubwirinzi: bishobora kuba iby'ubuzima bwose, nk'urukingo rwa poliyo cyangwa bikaba iby'umwaka umwe, nk'urwibicurane. Abashakashatsi bari kubwigaho kugira ngo bamenye ibirenzeho, kandi tuzakomeza kubasangiza amakuru uko agenda aboneka.

Ese ndasabwa kuziyishyurira urukingo rwa COVID-19/Naba nkeneye ubwishingizi?

Ntabwo uzasabwa kwishyura urukingo niba wafatiye urukingo hamwe mu hantu hazwi hateganyijwe na leta. Igihe ufatiye urukingo ku nzego zigenga, ushobora gucibwa amafaranga yo kwakirwa mu biro.

Ese hazaboneka inkingo zihagije kuri buri wese?

Yego rwose. Ku ikubitiro hazatangwa inkingo ziri ku mubare, ntabwo buri wese azahita abona urukingo icyo gihe. Urukingo rwa COVID-19 ruzahabwa abantu bafite ibyago biri hejuru byo kwandura. Hagendewe ku mabwiriza y'Ibigo

by'Igihugu Bishinzwe Ubumenyi, Siyansi n'Ubuvuzi ku Buryo Buboneye bwo Gukwirakwiza Urukingo rwa COVID-19, icyiciro kizahabwa urukingo ndetse n'uburyo buboneye bwo kurutanga bwateguwe neza na Leta ya New Hampshire.

Ni iki nakora mu gihe dutegereje urukingo?

COVID-19 ikomeje gukwirakwira mu miryango yacu. Ugomba gukomeza guhana intera n'abandi mutabana mu rugo kandi ukomeze kwambara neza [agapfukamunwa/mazuru](#). Igihe wumva utameze neza, guma mu rugo kandi wihutire [kwisuzumisha](#).

Ese birashoboka ko umuntu wafashe urukingo rwuzuye yakwirakwiza COVID atabizi?

Ntabwo biramenyekana, ariko birashoboka ko umuntu wafashe urukingo rwuzuye cyangwa uherutse kwandura ashobora kugaragaza ibimenyetso by'ubwandu bwa SARS-CoV-2, cyangwa ubwa COVID-19 budafite ubukana(bworoheje). Nyamara ariko, abantu bafashe urukingo rwuzuye cyangwa baherutse kwandura bagomba gukomeza kubahiriza intera, kwirinda amatsinda ndetse n'ahateranira abantu benshi, hamwe no kwambara agapfukamunwa/mazuru igihe cyose uri ahateraniye abantu benshi.

IBYICIRO NDETSE NO KWEMERERWA

Ni hehe ndetse ni ryari nabona urukingo?

Kwiyandikisha ku baturage ba NH bo mu Cyiciro cya 1b bizatangira tariki ya 22 Mutarama saa mbiri za mu gitondo. Kwiyandikisha ndetse n'ingengabihe yo gukingirwa bizibanda cyane ku bantu b'ingenzi bujuje ibisabwa ndetse n'aho ivuriro rikingira rihereye:

- Abafite imyaka 65 ndetse n'abafite kuzamura bagomba kwiyandikisha kugira ngo bakingirirwe ahagenewe gutangirwa urukingo basura urubuga <https://vaccines.nh.gov>. Abatabona uburyo bwo kugera kuri murandasi bashobora guhamagara 2-1-1 kugira ngo bafashwe kwiyandikisha.
- Abafite muni y'imyaka 65 bafite ubuzima bwizewe bagomba kwiyandikisha ku baganga/abajyanama b'ubuzima babo kugira ngo bemeze ko bemerewe.
- Abandi bari mu Cyiciro cya 1b bagomba kwiyandikisha kugira ngo bakingirirwe ahagenewe gutangirwa urukingo basura urubuga <https://vaccines.nh.gov> (cyangwa bagahamagara 2-1-1 igihe batabona uburyo bwo kujya kuri murandasi), ku bigo (urugero; umukozi w'ibitaro), cyangwa ku ivuriro ritangirwaho urukingo, bitegurwa n'Ishami Ryita ku Buzima bw'Abaturage mu Karere (RPHN).

Ku bari muni y'imyaka 65 bakenera ko abaganga babo babanza kumenya uko ubuzima bwabo buhagaze mbere yo gufata urukingo:

- Abaganga bemerewe gukingira bazakingira abarwayi babo, babandikishe kandi bagene ingengabihe y'abarwayi bujuje ibisabwa ku mavuriro yateganyijwe n'ibigo bishinzwe kwita ku buzima.
- Abaganga batemerewe gukingira bazahuzwa abarwayi n'amasite bazakingirirwaho. Igihe umuganga yemeje ko umurwayi yujuje ibisabwa, binyuze kuri imeli azasabwa kwemeza ingengabihe ya site azakingirirwaho. Ku barwayi badafite imeli, Ishami rya Leta ya New Hampshire Rishinzwe Serivise z'Ubuzima n'Imibereho Myiza y'Abaturage (DPHS) rizabahamagara ribafashe kugena ingengabihe ya gahunda y'aho bazafatira urukingo.
- Abadafite abaganga babo bagomba guhamagara 2-1-1 kugira ngo bahuzwe n'umuganga/umujyanama w'ubuzima wo mu gace kabo.

Komeza ukurikirane ku yandi makuru arebana n'ibyiciro bikurikiraho. ([Paji y'Amakuru ku Rukingo](#))

Ntabwo mfite uburyo bwo kujya kuri murandasi kandi ndashaka kwiyandikisha kugira ngo mfate urukingo igihe kwiyandikisha byafunguwe. Hari umuntu uzabasha kumfasha kwiyandikisha?

Kwiyandikisha mu bafata urukingo mu Cyiciro cya 1b nibifungura tariki 22 Mutarama 2021, Ibiro bya Leta ya NH Bishinzwe Ubufatanyabikorwa kuri COVID (CCO) bizashyira imbaraga mu kunganira abaturage kwiyandikisha. Ushobora

guhama gata 2-1-1, igihe uri kugerageza, hitamo kwiandikisha mu bafata urukingo. Ihangane kuko duteganya ko bishobora gufata akanya kugira ngo ufate umurongo. Ku bw'iyi mpamvu, turakangurira umuntu ushobora kugera kuri murandasi kwiandikisha ku rubuga.

Muganga/umujyanama w'ubuzima wange ari mu yindi leta. Ni gute azampuzwa na site izatangirwaho urukingo?

Ushobora gukurikiza uburyo bumwe bwo guhuzwa na site kimwe nk'umuntu ufite muganga we muri leta ya NH.

Mfite inzu muri NH ariko nsanzwe ntuye mu yindi leta. Nshobora kubona urukingo muri NH?

Kuri ubu, abatari abaturage ba leta ya New Hampshire ntabwo bemerewe gufatira urukingo ku mavuriro atanga inkingo muri New Hampshire kereka icyo uwo muntu ari umukozi wa bizinesi cyangwa ikigo cyo muri New Hampshire kiri mu by'ingenzi mu bigomba guhabwa urukingo ku ikubitiro (ni ukuvuga; umukozi wo mu nzego z'ubuzima, umukozi uhura n'abarwayi mbere, ukora kuri gereza, cyangwa ukora mu bigo bishinzwe kwita ku bafite ubumuga ku mubiri no mu mutwe). Abatari abaturage ba New Hampshire bagomba gushyirwa aho bakungurirwa hifashishijwe uburyo bwo muri leta zabo. Ugomba gufatira urukingo muri leta y'aho wari usanzwe utuye mbere. Niba ufite uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga ugomba gufatira urukingo muri leta yaguhaye uruhushya rwo gutwara.

Ni gute niyandikisha kugira ngo mfate doze ya kabiri?

Nyuma yo gufata doze ya mbere, uzabona imeli ndetse na/cyangwa ubutumwa bugufi bukwibutsa kugena ingengabihe yo guterwa doze ya kabiri. Leta ya NH yateganyije uburyo n'imbaraga zo gusakaza doze ya kabiri kuri buri wese ufata doze ya mbere.

Ni iki nzasabwa gutanga igihe niyandikisha mu gufata urukingo ku rubuga?

Igihe wiyandikisha mu gufata urukingo uzasabwa izina ryawe, itariki y'amavuko, aho ubarizwa, imeli, ndetse na numero za telefone. Nyuma yo kwiandikisha ku rubuga uzabona imeli ikwemerera kwinjira no kwihitiramo site ushaka, itariki, ndetse n'igihe. Ubu ntabwo turamenya igihe bizafata hagati yo kwiandikisha no kubona imeli ikwemerera.

Hari icyemezo kizasabwa igihe nkiri mu nzira yo kwiandikisha?

Umuntu ntabwo akenera imwe mu nyandiko ziri hasi ngo yiyandikishe, ariko azakenera kuzana byibura imwe mu nyandiko igihe aje gufata urukingo:

- Uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga rwemewe, rutarangiye rwo muri NH cyangwa Indangamuntu.
- Sheke wahawe na kampani ku bw'akazi wakoze, urutonde rw'abakozi n'umushahara wabo, cyangwa amasezerano y'akazi agaragaza aho umukozi abarizwa hazwi n'amategeko muri Leta ya New Hampshire, yakozwe mu minsi 60.
- Inyemezabwishyu y'amafaranga wahawe na leta (ni ukuvuga ubwiteganyirize), igaragaza aho umuntu abarizwa hazwi n'amategeko muri Leta ya New Hampshire, yakozwe mu minsi 60.

Hari urutonde rw'amasite azatangirwaho urukingo?

Uzaba wemerewe guhitamo ahantu uzafatira urukingo igihe wemeje ingengabihe yawe.

Ese abana bashobora gukingirwa?

Abana bazabona amahirwe yo guhabwa urukingo mu gihe kiri imbere. Nyamara ariko, amakuru dufite ubu ashingiye ku igerageza ryakorewe ku bantu bakuru badatwite. Uko ibitaro bigenda byongera ibyiciro by'abageragerezwaho, tuzamenya byinshi ku buzirange bw'urukingo mu bana.

Ndatwite. Nshobora gufata urukingo?

Ubu niba utwite, turagusaba kuganira n'inzego z'ubuzima ku byago ndetse n'inyungu zo gufata urukingo. Inkingo nshya COVID-19 ntabwo zigeze zikorera inyungu ku bagore batwite, niyo mpamvu tudafite amakuru menshi ku bijyanye n'icyizere ndetse n'imikorere y'urukingo igihe umugore atwite. Gusa ariko, kubera ko izi nkingo za COVID-19 NTABWO zifite virusi, kandi kubera uduce duta twa mRNA duhita dushwanyuka vuba mu mubiri wawe nyuma yuko dukoreshejwe

mu gukaza ubudahangarwa bw'umubiri, dutekereza ko ibyago byaturuka ku rukingo kuri wowe n'umwana utwite biri hasi. Tuzi kandi neza ko ubwandu bwa COVID-19 igihe utwite bushobora kongera ibyago byo kuremba bikakuviramo gushyirwa mu bitaro, cyangwa n'urupfu. Ikindi kandi COVID-19 ishobora kukongereza ibyago byo kubyara nabi, nko kubyara igihe kitageze. Ku by'ibyho, dutekereza ko n'abagore batwite bagomba kubyungukiramo bafata urukingo ariko turagusaba kubiganiraho na muganga wawe ukuzi neza hamwe n'uwo utwite. Ku bindi bisobanuro sura: <https://www.cdc.gov/coronavirus/2019-ncov/vaccines/recommendations/pregnancy.html>.

ICYIZERE

Ni gute nzamenya ko urukingo rwa COVID-19 rwizewe?

Uburyo bw'igeragezwa ry'urukingo ntabwo bwahindutse. [Gahunda yo Gukora no Gukwirakwiza Urukingo](#) yoroheje igeragezwa kugira ngo hihutishwe uburyo bwo kubona urukingo mbere na mbere binyuze mu nkunga yihuse, aho kugira ngo habeho amasezerano y'icyizere cy'ahazaza. Igihe cyo gukora urukingo cyaragabanyijwe, ariko uburyo busanzwe buri gukoreshwa harimo igeragezwa mu bitaro bikomeye, ku ngeri zitandukanye z'abaturage (harimo abakuzwe cyangwa abakiri mu myaka mito), ubugenzuzi bwigenga bw'Ikigo Gishinzwe Ubuziranenge bw'Imiti n'Ibiribwa (FDA) ndetse na Komite Ngishwanama ku Budahangarwa n'Ubuziranenge (ACIP) hamwe n'inzobere zacu zo mu gihugu.

Nigeze kurwara COVID-19. Ese ubwo nange nzakenera gufata urukingo?

Yego. Kereka aribwo ukirwara COVID-19, ugomba gufata urukingo. Ubushakashatsi bwagaragaje ko hari abantu kwandura icyorezo inshuro irenze imwe. Nyamara, niba waravuye ibimenyetso bya COVID-19 baguhaye intungamubiri zo guhangana na virusi cyangwa guterwa amaraso mazima, ugomba gutegereza iminsi 90 mbere yo gufata urukingo rwa COVID-19.

Ese nimbona urukingo, nzahagarika kwambara agapfukamunwa/mazuru ndetse no guhana intera?

Oya. Mu gihe abashakashatsi bari kwiga byimbitse ku bwirinzi bw'inkingo za COVID-19 zitangiye igihe, ni ngombwa ko buri wese akomeza gukurikiza amabwiriza aboneka ubu adufasha guhagarika iki cyorezo, harimo gufunga umunwa n'amazuru ukoresheje agapfukamunwa/mazuru, gukaraba intoki kenshi, ndetse no guhana intera n'abandi byibura intambwe 6. Twese hamwe, kwikingiza COVID-19 ndetse no gukurikiza amabwiriza y'Ikigo Gishinzwe Gukumira no Kurwanya Ibyorezo (CDC) bizaturinda kwandura ndetse no gukwirakwiza COVID-19. Abashakashatsi bakwiye gucukumbura byimbitse ubwirinzi butangwa n'urukingo rwa COVID-19 mbere yuko amabwiriza asanzweho ahindurwa. Izindi mpamvu, zirimo umubare w'abantu babonye urukingo ndetse n'uburyo virusi iri gukwirakwira mu baturage, nabyo bizagira ingaruka kuri iki cyemezo.

Nshobora kwandurira COVID-19 mu rukingo?

Oya. Urukingo rwa COVID-19 ntabwo rwakwanduzira icyorezo. Ku bindi bisobanuro mwasura [urubuga rwa CDC](#).

Mfite ubudahangarwa bucye mu mubiri. Ni byiza ko nafata urukingo?

Yego birashoboka, ariko ugomba kubanza ukaganira n'inzeho z'ubuzima zikwegereye ku mpungenge zawe. Amabwiriza ya leta azakorwa hashingiwe ku bushakashatsi harebwa niba urukingo rwizewe ku bafite ubudahangarwa bucye.

Mbana n'umuntu ufite ubudahangarwa buke bw'umubiri. Ni byiza kuri njye ko nafata urukingo?

Yego. Kubera ko uburyo urukingo rukozemo, ntirushobora kukwanduzira icyorezo kandi kwanduzira undi muntu kuko wikingije.

Ndabyumva neza urukingo ko nta ingaruka rwangiraho, ariko se ndamutse nanduye kubera urukingo?

Ikigo Gishinzwe Gukumira no Guhangana n'Ibyorezo (CDC) ndetse n'Ikigo Gishinzwe Ubuziranenge bw'Imiti n'Ibiribwa (FDA) birakangurira abaturage bose kugaragaza ingaruka izo ari zo zose zaterwa n'urukingo (byitwa ingaruka zitateganyijwe) ku [Urubuga Rugaragarizwaho Ingaruka Zitateganyijwe Zatewe n'urukingo \(VAERS\)](#). Uru rubuga rw'igihugu rukusanya amakuru mu rwego rwo kumenya ingaruka zitateganyijwe, zigaragara cyane kurusha uko biba byitezwe, cyangwa izindi mpinduka zitamenyerewe. Guha VAERS raporo bifasha Ikigo Gishinzwe Gukumira no Guhangana n'Ibyorezo (CDC) kunoza ubuziranenge bw'inkingo. Ubuziranenge niyo ntango nyamukuru. Abakora mu nzego z'ubuzima bazasabwa kugaragaza ingaruka izo ari zo zose ziterwa n'urukingo kuri VAERS. CDC kandi iri gukoresha

urubuga rwo muri telefone ngendanwa rwitwa [v-safe](#) mu rwego rwo gukurikirana ubuzima bw'abantu nyuma yo gufata urukingo rwa COVID-19. Igihe ufashe urukingo, ugomba kandi kwakira amakuru arambuye kuri v-safe ndetse n'uburyo wakwiyandikisha ku rubuga v-safe. Iyo wiyandikishije, uzabona ubutumwa bwanditse bukubiyemo ubushakashatsi aho ushobora kugarahgaza ibibazo cyangwa impinduka zakubayeho nyuma yo gufata urukingo rwa COVID-19.

AMASHURI NA BIZINESI

Ese inkingo za COVID-19 zizongerwa ku rutonde rw'inkingo amashuri ategukwa gukoreshwa na leta?

Kugeza ubu, Ishami Rishinzwe Ubuzima na Serivise z'Abaturage (DHHS) nta gahunda rifite ryo kongera inkingo za COVID-19 ku rutonde rw'inkingo amashuri ategukwa gukoresha. Ikindi, urukingo rwa COVID-19 Pfizer-BioNTech kugeza ubu nirwo rwamaze kwemezwa ngo rutangire gukoreshwa ku bafite imyaka 16 kuzamura ndetse na Moderna, urukingo rwa COVID-19 rwemewe gukoreshwa ku bafite imyaka 18 kuzamura. Ku bw'iyi mpamvu, izi nkingo ntabwo zasabwa ko zikoreshwa ku mubare munini w'abanyeshuri.

Binyuze mu ishyirwaho ry'amategeko, DHHS yemerewe kongera inkingo ku rutonde rw'inkingo ibigo by'amashuri bitegekwa gukoresha mu ngingo ya RSA 141-C:20-a, II. Itegeko rya leta rigena irengayobora ku itangwa ry'urukingo mu mashuri riboneka mu ngingo RSA 141-C:20-c.

Ishuri ry'akarere rishobora gusaba abanyeshuri gufata urukingo rwa COVID-19 rutagenwa n'itegeko rya leta kugira bitabire ishuri?

Oya. Itegeko rya leta nubundi riteganyaga uburyo bwo kugenzura inkingo zikwiye gukoreshwa n'abanyeshuri. Itegeko rya leta rireberera ibigo by'amashuri by'uturere, bisobanura ko ishuri ridashobora gutegeka ngo abanyeshuri bafate urukingo rutari ku rutonde rw'inkingo zemewe ngo akunde abone kwinjira mu ishuri.

Leta yemerewe gutegeka abakoresha na bizinesi gusaba abakozi n'abakiriya gukoresha inkingo za COVID-19 nk'itegeko?

Oya. Kubera ko inkingo za COVID-19 Pfizer-BioNTech na Moderna zahawe Impushya ku Mikoreshereze Yihuse, Leta ntabwo igamije gutegeka abaturage gukoresha izi nkingo mu buryo ubwo aribwo bwose ndetse no muri rusange ntabwo inashyigikiye ko izi nkingo (cyangwa urundi rukingo rwa COVID-19 rwemejwe nka EUA) rwaba itegeko ku bakozzi cyangwa ku bakiriya. Impamvu kuri aya mabwiriza harimo:

- Urujijo ku bibazo bivuka mu mategeko bishingiye ku kugira itegeko inkingo zemejwe nka EUA;
- Ingorane mu gushyira uburyo bwo gushyira mu bikorwa gutegeka abaturage gukoresha inkingo zemejwe nka EUA mu gihe inkingo zitemewe kuri buri wese;
- Ibibazo bituruka ku buringanire no gushyira mu gaciro ku bijyanye n'uwemerewe urukingo ariko akaba atabasha kubona yaba Pfizer-BioNTech, Moderna cyangwa izindi nkingo za COVID-19 kuko zitabasha kubonekera rimwe ku baturage bose; binongeye kandi
- Leta ya New Hampshire ntabwo ifite kandi ntizashobora gutanga ibyemezo by'uko abaturage bose bashingiwe kugira ngo iri tegeko ribe ryubahirijwe.

Ni iki bizinesi isabwa gushingiraho ishaka kugira itegeko gufata urukingo rwa COVID-19?

Niba umukoresha cyangwa bizinesi ishaka kugira itegeko ryo gufata inkingo za Pfizer-BioNTech cyangwa Moderna (cyangwa izindi nkingo za COVID-19 zemewe) ku bakiriya cyangwa abakozi, uwo mukoresha cyangwa bizinesi agomba gusuzuma ibisubizo ku bibazo biri hasi. Ikindi kandi, ibigo bimwe na bimwe bishobora guhura n'ingorane zihariye zitavuzwe hano. Abakoresha n'ibindi bigo bazigana ubushishozi imbogamizi zose zo gutegeka gufata urukingo ndetse n'inkingo zibigena. Ibisubizo biri hasi bigenekereza ko itangwa ry'inkingo zizibanda gusa ku bakozzi n'abakiriya bari mu cyiciro cyo kuba bemezwa neza ko bemerewe guhabwa urukingo kandi nta kabuza cyangwa gushidikanywaho ni igenzura rikorwa na EUA mbere yo kwemezwa.

Umukoresha ashobora gusaba abakozi be gufata urukingo rwa COVID-19 kugira ngo babone kugaruka ku kazi?

Yego. Muri rusange, abakoresha bafite uburenganzira bwo gushyira mu bikorwa gahunda yo gutegeka abakozi kwikingiza. Ubundi, abakoresha, nk'abo mu nzego z'ubuzima ndetse n'abita ku bana, basaba urukingo rw'ibicurane buri

mwaka. Nyamara, gahunda yo kwikingiza nk'itegeko yateguwe n'umukoresha ishobora gusaba ibibazo suzuma bikagirwa akamenyeri mu kazi. Abakoresha bagomba kwigana ubushishozi imbogamizi zose kandi hakitabazwa urwego rwabo rushinzwe amategeko. Gahunda yo gutegekwa gufata urukingo ntigomba kuvangura, ndetse n'abakoresha bashobora guteganya amacumbi ku bakazi nkuko amategeko y'umurimo abiteganyaga harimo nk'Amategeko Arengera Abanyamerika Bafite Ubumuga (ADA), Itegeko Rirengera Uburenganzira bw'Abasivili hamwe n'andi mategeko y'igihugu yo kurwanya ivangura mu kazi. Komisiyo Igena Amahirwe Angana ku Murimo (EEOC), ishimagira amategeko y'umurimo arebana n'ivangura, ikaba yaratanze umurongo ngenderwaho ku hakorerwa porogaramu z'ikingira, harimo inkingo za COVID-19. Reba icyo wamenya kuri COVID-19 ndetse na ADA, Itegeko ry'Ingoramitekereze/muco, ndetse n'Andi Mategeko Arebana n'Amahirwe Angana ku Murimo. Bamwe mu bakoresha bashobora kandi kureba icyaborohera binyuze mu biganiro.

Ikigo cy'ishuri cy'akarere gishobora gusaba abarimu gufata urukingo kugira ngo bemerewe kuza mu kazi?

Ikigo cy'ishuri cy'akarere gifatwa nk'abandi bakoresha. Na none, Ibigo by'ishuri by'akarere bashobora kandi kureba icyaborohera binyuze mu biganiro.

Bizinesi ishobora gusaba abakiriya kugaragaza icyangombwa cyuko bikingije kugira ngo baheshe agaciro iyo bizinesi?

- Muri rusange nibyo, igihe cyose hari amacumbi yujuje ibisabwa n'Amategeko Arengera Abanyamerika Bafite Ubumuga (ADA), kandi bizinesi ikaba yubahiriza Amahame y'Uburenganzira bw'Umusivili hamwe n'andi mategeko y'igihugu yo kurwanya ivangura mu kazi. Abakoresha bagomba kwigana ubushishozi imbogamizi zose kandi hakitabazwa urwego rwabo rushinzwe amategeko. Leta ya New Hampshire irabakangurira kudakoresha iri tegeko kandi ntizashobora gutanga ibyemezo by'uko abatwaga bese bakingije kugira ngo iri tegeko ribe ryubahirijwe.

AMAKURU N'AHU WAYAKURA

Ingingo/Ikibazo	Hamagara	Telefone/Imeli
<ul style="list-style-type: none"> Amakuru Rusange kuri COVID www.nh.gov/covid19 	2-1-1 New Hampshire	1-866-444-4211 TTY: 603-634-3388
<ul style="list-style-type: none"> Kwiyandikisha mu Gufata Urukingo 	vaccines.nh.gov cyangwa niba udafite uburyo bwo kujya kuri murandasi: 2-1-1 New Hampshire	1-866-444-4211 TTY: 603-634-3388
<ul style="list-style-type: none"> Ibibazo Rusange ku Rukingo 	2-1-1 New Hampshire	covidvaccine@dhhs.nh.gov

Ahandi Wakura Amakuru

- [Ikigo Gishinzwe Guhangana no Gukumira icyorezo \(CDC\),](#)
- [Ikinyamakuru cy'ishyirahamwe ry'Abaganga muri Amerika \(JAMA\)](#)
- [Ubufatanye ku Bukangurambaga ku Buzima Rusange](#)
- [Paji y'Amakuru Arebana n'Urukingo ya NH DHHS](#)
- [Ibyiciro Byifashishwa mu Gutanga Urukingo rwa COVID-19 Muri New Hampshire](#)
- [NH DHHS COVID-19 Ibibazo Bikunze Kwibazwa ku Rukingo rwa COVID-19 ku Bakora mu Nzego z'Ubuzima ndetse n'Abakorana n'Abaturage bya Hafi](#)